# ISENGESHO

## RYO GUSABA UGUSHYIRWA MU BAHIRE KWA SIPIRIYANI NA DAFOROZA N'ABANA BAPFANYE



Emerita



Serge



Cyrdy



Dacy



Cyrdina



Ginny



Gabriella



**Daforoza Mukansanga**



**Sipiriyani Rugamba**

Sipiriyani Rugamba na Daforoza Mukansanga ni abashakanye b'abanyarwanda bo muri Kominote ya Emanuweli. Bishwe ku itariki ya 7 Mata 1994 hamwe n'abana babo batandatu ku icumi bari bafite, ndetse na mwishywa wabo. Basize ubuhamya bwubaka bw'urukundo, imbabazi n'ishyaka ryo kogeza ubutumwa.

## Dawe Nyirubutagatifu,

**Turagusaba ugushyirwa mu bahire kw'abagaragu b'Imana Sipiriyani na Daforoza Rugamba n'abana bapfanye.**
**Twisunze isengesho ryabo, duhe guhorana nka bo, umutima ugurumana urukundo rwawe, ishyaka rihoraho ryo gushengerera no kugirira impuhwe abababara bose.**
**Dufashe kwitanga tutizigama tubigirira iyamamazabutumwa mu miryango no mu bakene.**
**Twunze ubumwe na Sipiriyani na Daforoza Rugamba, tukuragije by'umwihariko, abashakanye bahura n'ingorane mu mubano wabo, ndetse n'abantu bananirwa kubabarira ababagiriye nabi, kandi turagusaba kutugira, natwe ubwacu, intumwa z'amahoro.**
**Twunze ubumwe n'abana bapfanye, turasabira abato bose, cyane cyane abana bazira gufatwa nabi no guhohoterwa.**
**Twisunze isengesho ry'abo bagaragu b'Imana, dutinyutse kugusaba, niba ariko gushaka kwawe.........(vuga icyo usaba)**
**Nyagasani, tugabire amahoro, kandi uduhe inema tugusabanye ukwemera.**
**Amen.**

Ryemejwe n'ubuyobozi bwa Kiliziya

Niba hari ingabire mwakiriye mubikesha isengesho ryabo, mushobora kutwandikira kuri
email: cause_rugamba@emmanuelco.org
Mushatse gutera inkunga igikorwa cy'iperereza, dore aho mwayicisha:
EMMA RWANDA/Cause Béatification des Rugamba
Konti n°00005-01390212778-73/FRW
Konti n°00005-01390212780-75/EURO
Zifunguwe muri COGEBANK